



## Imbuto Hubs

U Rwanda ruteye imbere, rushoboye kandi rudaheza, aho buri wese kuva ku mwana muto kugera ku mukuru, arangwa n'ubuzima bwiza, akiga akanahabwa ubumenyi n'ibindi ibikenewe byose ngo abashe gutanga umusanzu we mu iterambere rirambye ry'aho atuye n'iry'igihugu muri rusange

## Sobanukirwa na Imbuto Hubs



### Icyerecyezo ku rubyiruko rw'U Rwanda

Muri Imbuto Hubs, twemera ko gushyira imbaraga mu byubaka ubushobozi bw'abantu ari wo musingi w'iterambere. Bishingiye kuri iri hame "Nta n'umwe mu rubyiruko ukwiye gusigara inyuma", Imbuto Hubs ni urubuga, ni ahantu hashyiriweho urubyiruko rw'Abanyarwanda ngo habafashe kuvumbura imbaraga n'ubushobozi bifitemo, kongera ubushobozi no gutegura ejo hazaza habo neza.

Imbuto Hubs zizakorera mu gihugu hose, hagamijwe kwita ku bato n'urubyiruko mu byiciro bitandukanye by'imikurire ya muntu, hitabwa cyane ku mutekano no kurinda abazigana. Buri Imbuto Hub izaba isoko y'amahirwe kuri buri muntu, bijyanye n'icyiciro cy'ubuzima agezemo, yaba ugutangira amashuri cyangwa abagitangira akazi. Ni ahantu buri wese azaba yisanga.

Uru rubuga rugendanye n'igihe ndetse n'iterambere rwatekerejwe nk'ahantu hazahurizwa ubuhanzi, kwiga, kwihugura no kwaguka mu mitekerezereze no mu mikorere. Ni ahantu urubyiruko rw'Abanyarwanda ruzaba rufite amahirwe yo kubona n'ibindi bibafasha bari kumwe n'abantu babaherekeza muri urwo rugendo umunsi ku wundi. Buri gikorwa, buri gice cyigize Imbuto Hubs cyatekerejwe hagamijwe gufasha urubyiruko gusobanukirwa no kwagura ubushobozi bifitemo ngo babubyaze umusaruro.

## Imikorere ya Imbuto Hubs

Gusangira ubumenyi no  
kwihugura bihoroaho



Ubugeni n'umuco

Ubuzima n'imibereho myiza



Gusangira ubumenyi no  
guhora wiga

Uruhare rw'abaturage no  
gukorera hamwe



Ibikorwa by'iterambere  
birengera ibidukikije

Uburezi n'iterambere rya  
muntu



Guteza imbere siporo

## Ibiranga Imbuto Hubs



### Ibikorwaremezo bya Porogaramu y'Uburezi, Iterambere ry'Ubumenyigiro n'Ubuhinzi

- Urugo Mbenezamukurire y'abana bato
- Ahagenewe ikoranabuhanga no guhanga udushya
- Ahagenewe isomero
- Ahagenewe amahugurwa mu myuga
- Icyumba cyabugenewe mu gufata amajwi n'amashusho
- Ahagenewe imurikabikorwa
- Ahagenewe ubudozi bw'imyenda
- Ubuhinzi (Ubuhinzi bw'imboga, imbuto, indabo, ingendoshuri z'abahinzi, akarima k'igikoni)



### Ibikorwaremezo bya Porogaramu y'Ubuzima n'Imibereho myiza

- Icyumba cyo gusuzumiramo
- Icyumba kigenewe serivisi yo gufatiramo ibizamini
- Icyumba kigenewe serivisi zo kuboneza urubyaro
- Icyumba cyagenewe kuruhukiramo no kwita ku buzima bwo mu mutwe n'umubiri
- Ahagenewe Ubuzima bw'imyororokere
- Ahagenewe abantu bakuze.



### Ibikorwaremezo bya siporo ikorerwa hanze

- Ikibuga cy'umupira w'amaguru / Ikibuga gito cy'umupira w'amaguru
- Ahantu habugenewe mu kwiruka hagizwe n'inzira enye;
- Ikibuga gikindirwaho imikino myinshi: Basketball, Volleyball na Handball
- Aho abana bakinira.



### Ibikorwaremezo bya siporo ikorerwa ahatwikiriye

- Inzu y'imikino (Basketball, Volleyball na Handball)
- Ahakinirwa Biyari (Billard)
- Ahakinirwa Tenisi yo ku meza
- Imikino njarugamba

## Imbuto Hubs zigenewe ba nde?

Imbuto Hubs ni ahantu hagenewe urubyiruko rw'u Rwanda, aho rwaba rugeze hose mu rugendo rw'iterambere kandi twifuza ko izi mpinduka zikomeza. Imbuto Hubs zizahuzza abashoramari, abayobozi b'inararibonye, abahanga ibishya, bese bafatanyiriza hamwe kuyobora no guherekeza urubyiruko no kurwubakamo indangagaciro n'ubushobozi bwo kuzaba abayobozi beza b'ejo hazaza.

**Abato:** uhereye ku nshuke ukageza ku bagitangira akazi, buri cyiciro cyitabwaho.



**Abayobozi begereye abaturage n'abagira uruhare mu mpinduka:** gushyigikira uruhare rw'urubyiruko n'iterambere.

**Abashoramari n'abatoza:** gushora imari mu gutegura abayobozi bo mu gihe kiri imbere no gusangiza ubunararibonye.



**Abafatanyabikorwa:** Gushyigikira impinduka nziza binyuze mu bufatanye n'inkunga ishingiyeye ku ntego.

**Abahanga udushya:** gutanga ibitekerezo bishya n'ubuhanzi bigamije impinduka.




**Inararibonye zo mu byiciro bitandukanye:** gusangira ubumenyi n'udushya bahuza ubunararibonye n'ubumenyi bugezweho.W

Ifatanye Natwe - Ugire uruhare muri Imbuto Hubs!

## Tera intambwe igana ahazaza hamwe natwe!

Mu muryango Imbuto Foundation ntidutegura urubyiruko kugera ku hazaza heza gusa, tububakamo n'ubushobozi bwo kugira uruhare mu iterambere ryabo. Binyuze mu gutanga ibikoresho, ubujyanama, kuzamura ubushobozi bifitemo, ibi byose bifasha mu gutegura ejo heza aho buri rubyiruko rw'Abanyarwanda rufite amahirwe yo kuyobora, guhanga byose bigamije kwiteza imbere.

## Inyigisho zitangirwa mu Imbuto Hubs



## *“Imbuto”*

“Mu muryango Imbuto Foundation, tugendera ku gitekerezo-shusho “Imbuto” kigira kiti: “Akabuto gatewe mu gitaka giteguwe neza, kakuhirirwa, kagahabwa iby’ingenzi byose, karakura kakavamo igiti cy’inganzamarumbo”

*Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame*

*Umuyobozi Mukuru wa Imbuto Foundation*

### **Icyerekezo**

Igihugu gifite Abanyarwanda bashoboye kandi bihesha agaciro.

### **Intego**

Gushyigikira iterambere ry’ubuzima bwiza, uburere, n’ubukungu mu muryango.

### **Indangagaciro**

Ubudashyikirwa, Ubunyangamugayo, Guhanga udushya, Ubufatanye, n’Ubwitange.

**GET INVOLVED**

**[www.imbutofoundation.org](http://www.imbutofoundation.org)**



@imbuto



imbutofoundation



Imbuto Foundation




Imbuto Foundation

**ENGAGE. EDUCATE. EMPOWER.**

# Inkuru y'Ubuzima bwa Keza!

1

## Kuvumbura isi n'ibimukikije (Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato)



Nk'umwana muto, intambwe za mbere za Keza mu kwiga zatangiriye mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato, ahantu hatekanye kandi hamufasha gukangura ubwonko. Aha ni ho yigiye ubumenyi bw'ibanze mu gusoma no kwandika, kubana n'abandi no guhanga.

2

## Kuvumbura amahirwe mashya (Isomero)



Agize imyaka 6, amatsiko ya Keza yariyongereye ubwo yageraga mu isomero. Akikijwe n'ibitabo n'ubumenyi, inkuru z'abaganga n'abashakashatsi zatumye agira inzozo zo kuzaba muganga.

3

## Gukora ubushakashatsi binyuze mu ikoranabuhanga



Igihe abaye umwangavu, Keza yatangiye kujya ahagenewe Ikoranabuhanga, ni ko gutangira kwimenyereza ibikoresho by'ikoranabuhanga, ari byo byatumye akomera ku mashuri y'ubuganga. Iryo koranabuhanga ryakanguye muri we amatsiko no gushaka kumenya ibirebana n'ubushakashatsi mu buvuzi no kubona ibisubizo ku bibazo by'ubuzima yifashishije ikoranabuhanga.

4

## Kugira inzozo no kubaka ubumenyingiro (Ubumenyingiro n'Iterambere ry'Ubukungu)



Ku myaka 16, Keza yatangiye gahunda y'ubumenyingiro n'iterambere mu by'ubukungu. Yize ubumenyingiro kuva ku birebana no gucunga imari kugera ku bitekerezo by'imishinga ibyara inyungu, byaje kumufasha gusobanukirwa uburyo bwo guhindura inzozo ze impamo.

5

## Urukundo rutangaje rw'Ubuhanzi



Urukundo rwa Keza mu guhanga imideri rwateye imbere ageze mu gace kahariwe ubugeni mberajisho aho yize guhuza inzozo ze kuba umuganga n'ubuhanga bwe mu budozi bw'imyenda. Ni bwo yatangiye kudoda imideri idasanze y'impuzankano z'abaganga n'ibindi bikoresho byo mu buvuzi.

6

## Guteza imbere imibereho myiza ku mubiri no mu mutwe (Siporo no kubaho neza)



Ageze mu gihe cy'ubwagavu, Keza yitabiriye ibikorwa bitandukanye bikorerwa mu gace k'imikino n'imibereho myiza, bituma agira imbaraga mu mubiri n'imitekerereze ihamye. Iyi gahunda ntiyamufashije gusa kumva amerewe neza mu mubiri, ahubwo yamufashije no kunyura mu bibazo yahuraga na byo ari ko yiyubakamo ubudaheranwa.

7

## Kugira intego no kuyobora



Agize imyaka 18, ubushobozi bwe mu kuyobora bwatangiye kwigaragaza. Yagize uruhare mu mishinga iyobowe n'urubyiruko, ategura ibikorwa birebana n'ubuzima bw'abaturage ndetse avuganyira urubyiruko agaragaza uruhare rwabo mu iterambere ry'u Rwanda.

8

## Kwiyungura ubumenyi n'ubushishozi (ibiganiri hagati y'abakuze n'abato)



Nk'umuntu ubarizwa mu bantu bakuru, Keza yitabiriye ibiganiri bihuza abakuze n'abato, yigira ku bakuze ubushishozi bwatumye afata umurongo mu mwuga we no mu mikurire ye.

9

## Kuba muganga (Ubuzima no kubaho neza)



Urugendo rwa Keza mu kuba muganga, rwashyigikiwe na gahunda z'ubuzima no kubaho neza dusanga muri Hub. Ahereye ku byo yatozaga mu ishuri ry'ubuvuzi n'inama zo kubaho neza byatumye aguma mu murongo. Hub yamufashije gukura neza haba mu buzima bwe bwite no mu myigire ye.

10

## Kuba umutoza (Gukorera hamwe & ubufatanye)



Amaze kuba muganga, Keza yagarutse muri Imbuto Hubs noneho ari umutoza. Yafatanyije n'abantu bakiri bato bashakira kuba abaganga, abasangira ubumenyi, ubunararibonye akabikorana ubushishozi. Ubu bufatanye bwabaye nk'uburyo bwe bwo kwitura uwamuhaye, nawe agafasha abandi mu gutegura abayobozi b'Abanyarwanda b'ejo hazaza.